# 20121031-0075 Mujawayezu, Odette

Name: Mujawayezu Odette
……

Mujawayezu Odette
Le 26.9.1999
Commune: Mugina
Prefecture: Gitarama
Secteur: Kiyonza
ETI Ruyumba
Uko byagenze muntambara yo muri Mata 1994
……

Njyewe MUJAWAMARIYA ndibuka HABYARIMANA yaraye apfuye, ubwo abaturage bo ku Cyeru Secteur bazamukaga bateye Kiyonza. Ubwo bitabatunguye bari bitwaje imbunda na grenade.

Ubwo nibwo babasubizagayo kuko bari batamenya ibyo ari byo bari bifatanyije bose. Bamaze gusobanukirwa bareka abo bitaga abatutsi ngo ntibagiye gupfana nabo. Ubwo birakomera kuko barwanishaga amabuye. Igitangaje mukubona aho amabuye arwana n'imbunda na grenade.

……

Ubwo bidatinze duhungiye kwa padiri. Tumvga ko uhungiye yabaho. Mu minsi itarenza itatu biba birakomenye nibwo bafunze amayira. Ubwo ntawuri ugishobora kujya kuzana ibyo kurya. Ugiye ntagaruke biba ubwozohere. Ubwo padiri arahunga na babikira. Uwobitaga Ngirurwo nuwe wabitegetse. Usanga gitaro amazi barayafunga tubura icyo turya nicyo kunywa. Nicyo batiririwa bivuna inzara yaritangiye kutumara.

Ubwo abantu baravuga ngo bahungira i Burundi. Abagiye bagwa munzira. Ubwo abasigaye kwa padiri ku i tariki ya 25.4.94, haje igitero cyarimo abarundi bari barahungiye muri Ntongwe baradupatanye ngo nibatwica barabahemba.

……

Baza bambaye imicaca na makoma turiyunga nku ko byaribasanzure tujya gutera amabuye biba birakomeye binjira mukiriziya no mu bigo hose hari huzuye abantu barabica babicishije imipiri, imbunda, udufuni. Ubwo papa na maman na bana bato bagwa aho ababashije kwirika barirutse bagenda bapfa uniugenda.

Ubwo njyewe n'undi mukobwa twiruka twihisha mugishanga. Bimaze kuba nka saa tanu zijoro tujya ahantu twari duturanye baratwamagara ubwo tujya ahandi bemera uwo twari kumwe

njyewe baranyirukana. Njya ahandi barambwira ngo nijoro. Ngenza nibucya nge kwihisha. Ubwo nahabaye iminsi mikeya. Umukobwa waho akajya abwira se ngo natanyirukana ngo azanyiyicira.

Ubwo Inkotanyi zari zimaze gutera Bugesera bazitaga inyenzi ngo umva benewabo baje ngo niwe uzafatanya nabo. Ubwo baranyirukana ndagenda mba mubihuru rimwe haba Imana kuri Komini yo gushyiraho Bugumestiri utaramazeho ukwezi. Bategeka ko abagore nabakobwa bababariye. Ubwo abari bihishe barihishura baba barabishe. Ubwo nihishe namaze iminsi ine ntarya ntanywa. Ikira nabi cyambere ninzara. Ubwo nisohoka mugihuru ngiye gushaka icyo kurya. Mpekenya imyumbati bitaga rutamihisha ngo uwayiryaga ntiyararaga

……

nta n'inzoka narwaye. Mpura nu mugabo ambaza aho nturuka ndamubeshya ngo ndashaka iwacu twaraburanye duhunga inyenzi. Amabajije iwacu mubeshya ko iwacu ari I Bugesera hari Communes Kanzeze secteur Kanzeze. Ubwo impuzi zi Bugesera zari zaratangiye guhunga Inkotanyi. Ubwo arambwira ngo nza tujyane anyereke ahari impuzi hafi y'iwabo nkazijyamo, nkibarushwa ngo uta mugabo witwa KANYONI Emmanuel, uhari kandi ntawe nzi. Ubwo ndagenda ndamubwira ngo namubuze [nababuze] anyereka iwe ndagenda, anyakira icyangombwa kwa konseye. Igihe cyo guhunga Inkotanyi kiragera. Turahungana tugera kuri sous prefecture Kigumbo muri Nyabikenke, Inkotanyi ziratugarura. Birangiye ndabibwira [ndabibura] basanga twari duturanye ariko kubera ko umuntu yari yarataye isura ye baranyobewe.

Ubwo nari nzi ari jye uriho mu muryango wacu. Ubwo nzakumva ngo marume ariho aza kundeba ankurayo. Ubu niwe tubana.

Uko niko byangendekeye muntambara muri make.

Yari Odette

Signature.